

1/13/2019.

### **Ubutumwa bwa Padiri Jim.**



Icyi cumweru gishize cyari icyumweru cy'abimukira . Kikaba cyarashizweho n'inama y'abasenyeri b'abagaturika hano muri Amerika ya ruguru . Impamvu abihaye Imana babagaturika bagishizeho kwari ukwerekana ukuntu abahaye Imana bazirikana abobantu baba baravuye iwabo bakaza batugana .Mubyukuri Yezu kristu araturwira ati mukundane kandi mugende mwororoke maze muzakwire isi yose. Yezu kristu yakomeje atwigisha ukuntu abantu bose aribamwe ntawe ugomba gusuzugura undi twese imbere y'Imana turangana. Muri make rero ntukabone mugenzi wawe ari mungorane ngo umwiringagize .Mberenambere Yezu kristu nawe yabaye Impunzi ! Kuba impunzi cyangwa kuva mubyawe kandi wari umeze neza ntabwo byoroshe rwose n'ibintu bikomeye muri rusange ntabwo ari ibintu byoroshe . Igihe Yezu yari impunzi nawe yagiye ahura n'abantu benshi namwe bakamugirira neza abandi ntibamwiteho kandi muri make dukurikije ingero za Yezu kristu turakira rwose . Yezu ni umuntu ukomeye kuri twe aba kristu . Yezu ni umwana w'Imana wigize umuntu mbese n'Imana yigize umuntu . Yezu muntu w'Imana kandi akaba umwana w'Imana udukunda. Nitubona abatuganye tujye tubegera tubaganirize niba bashonje tubafashe tumenye uko babayeho. Ese muze ukuntu umwana w'umuntu yabambwe bitewe natwe kandi aritwe yaje gukiza mana yacu dukize ibidushuka bitujyana mubintu bidashoboka kuko ataribyiza .Muri make rero urugamba nirurere ukurikije ibyo abantu bakora kubera batumva iby'Imana idusaba cyangwa itwigisha. Isengesho ry'abana babimukira , nyagasani turagusabye abo bana babimukira ubafashe kandi ubagende imbere kuko batazi iyo bagana batazi ibyo bakora batazi ibyo bazira batazi ibyo ababyeyi babo bakoze batazi impamvu bari muri akokarengane nyagasani bafashe urebe ukuntu ufasha abobantu mubyukuri abobana ntibazi impamvu bari muri akokaga nyagasani niyo mpamvu dusabye umuntu wese baciye imbere kugerageza kubafasha bakagira nabo icyo bazigereraho muzima . Biragoye kubyumva kuko ibintu utanyuzemo biragorana kugirango ubyumve. Niyo mpamvu twese tugomba kumva uko umuntu ateye nibyo ashaka nibyo avuga nibyo ashaka kugeza kubantu muri rusange.Muri rusange icyingenzi nuko kiliziya gatulika yo igomba kubafasha ntawe irobanuye kuko na Yezu kristu atigeze ari a nura uwariwe wese nguko uko Yezu kristu yadufashije muri byose. Iyo kiliziya ibashize hamwe ikabafasha iba ikoze urugero rwa Yezu kristu muri rusange!! Amasomo y'abana bakomezwa ni mukwezi kwa mbere italiki ya 20 kuri mutagatifu Maxilian Kolbe , 1:00-5pm.

Porogaramu y'abato ,ni mukwezi kwambere italiki ya 17-18 naho urugendo rwabari mumashuri makuru ni mukwezi kwa gatatu italiki muzaba muyimenyeshwa hanyuma.

Abakorera bushake barakenewe hano kuri paruwasi ya mutagatifu Lewo ni ugukora amasaha nka 3 kugeza kuri 4 mucyumweru . Dore kandi ubikeneye gufasha yahamagara kuri 513- 921-1044 ext 20. Aho batangira ibyo kurya hafungwa iyo ibihe bitameze neza. Nshuti namwe bavandimwe mutuye Cincinnati isosiyete ikora amafilimi yahano iCincinnati irakeneye abantu bakora badahembwa mbese abakorera bushake .Barashaka gukora filimi nibijyanye na Guatemala . Barashaka abasore n'abangavu bari Gagarin y'imyaka 13 na 18 abasore n'abangavu babikeneye bahamagara bakabandika cyangwa bakareba iyi adress yiyi site , [info@cincinnatifilmsociety.org](mailto:info@cincinnatifilmsociety.org)